



Our Ref : 3607/RRA/CA/OTO/2022

Date : 29 DEC 2022

Your Ref :

ITANGAZO

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kiramenyesha abatwizira ibintu mu mahanga n'abapiganira amasoko ya Leta bazakenera icyemezo cyo Kutabamo Umwenda w'Imisoro (Quitus Fiscal) mu mwaka 2023 ko bagomba kohereza ibisabwa banyuze kuri iyi link <https://etax.rra.gov.rw/> guhera tariki 30/12/2022. Iki cyemezo gihabwa abujuje ibi bikurikira:

1. Kuba warakoze ubucuruzi mu gihe cy'umwaka umwe kandi ukaba waramenyekanishije ukanishyura umusoro ku nyungu n'umusoro ku nyongeragaciro niba uwanditsweho;
2. Kuba mu mwaka ushize waratumije mu mahanga ibicuruzwa bifite agaciro katari muni ya miliyoni 50 (ukubiyemo igiciro cy'ubwishingizi n'ubwikorezi bwabyo);
3. Kuba umenyekanisha ukanishyura umusoro ku gihe ndetse n'ikinyuranyo cy'igicuruzo kigaragaye hagati ya TVA n'Umusoro ku nyungu kikaba gifite ubusobanuro buhamye;
4. Kuba warashoye imari mu buryo bukurikije gahunda y'ishoramari yatanzwe muri RDB n'icyemezo cy'ishoramari cyagaragarijwe RRA;
5. Kuba muri Gasutamo atarasabwe ibisobanuro inshuro zirenze ebyiri bitewe no kwandika amafaranga macye kuri fagitire, gushyira ibicuruzwa mu cyiciro kitari cyo no kubyandika mu buryo budasobanutse;
6. Kuba atarigeze agaragara mu bikorwa bya magendu cyangwa imikorere igamije kunyereza imisoro mu gihe cy'imyaka ibiri ishize;
7. Kuba yarakoresheje neza EBM, atagikoresheje EBM v1 kandi atarigeze agaragara inshuro zirenze ebyiri mu bakoresheje nabi EBM mu myaka ibiri ishize;
8. Kuba nta biraranye by'imisoro afite. Mu gihe yaba abifite asabwa kuba afite amasezerano asinye yo kubyishyura;
9. Kuba usaba adafite ubundi bucuruzi bufite ibirarane by'imisoro.

Icyitonderwa:

1. Abasaba bagomba gutanga icyemezo cy'uko bishyuye amafaranga 10,000 Frw yo gusaba Quitus.
2. icyemezo cya Quitus Fiscal kigira agaciro mu gihe cy'umwaka cyatanzwe gusa.
3. Abasaba bagomba no gutanga urwandiko rw'ubunyamugayo ruturutse mu rugaga rw'abikorera (PSF);
4. Komiseri Mukuru wa RRA afite ububasha bwo kubambura quitus iyo yakoreshejwe mu buryo budakwiriye.

Ifishi zo gusaba ziboneka ku rubuga rwacu: www.rra.gov.rw. Ku bindi bisobanuro, mwahamagara kuri numero yacu 3004.

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Komiseri Mukuru

